REPUBULIKA Y'U RWANDA

NATIONAL INSTITUTE OF STATISTICS OF RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI K'UGUSHYINGO 2019

10 Ukuboza 2019

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

## IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI K'UGUSHYINGO 2019

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi k'Ugushyingo 2019. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 6,9% mu kwezi gushize k'Ugushyingo 2019 ugereranyije n'Ugushyingo 2018. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa cumi (Ukwakira 2019) ryari ku kigereranyo kingana na 4,4%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 6,9% mu kwezi k'Ugushyingo ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 16,2% n'ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byazamutseho 17,2%.

Iyo ugereranyije Ugushyingo 2019 n' Ugushyingo 2018, usanga ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byarazamutseho 3,4%.

Wagereranya ukwezi kwa cumi na kumwe (Ugushyingo 2019) n'ukwezi kwa cumi (Ukwakira 2019), ibiciro bikiyongeraho 1,9%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 3,7%

### B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi gushize k'Ugushyingo 2019, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 15,5% ugereranyije n'Ugushyingo 2018. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu byaro mu kwezi kwa cumi (Ukwakira 2019) ryari ku kigereranyo kingana na 9,2%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 15,5% mu kwezi k'Ugushyingo ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 27,2% n'ibiciro by'ibinyobwa bisindisha n'itabi byazamutseho 20,1%.

Ugereranyije ukwezi kwa cumi na kumwe (Ugushyingo 2019) n'ukwezi kwa cumi (Ukwakira 2019), ibiciro byazamutseho 5,2%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 8,2%.

**Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)**

Mu kwezi k'Ugushyingo 2019 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 11,8% ugereranyije n'Ugushyingo 2018. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa cumi (Ukwakira 2019) ryari ku kigereranyo kingana na 7,2%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 11,8% mu kwezi k'Ugushyingo 2019 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 23,8% n'ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byazamutseho 19,1%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa cumi na kumwe (Ugushyingo 2019) n'ukwezi kwa cumi (Ukwakira 2019) ibiciro byazamutseho 3,8%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 6,8%.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva mu Ugushyingo 2018 kugeza mu Ugushyingo 2019.**

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva mu Ugushyingo 2018 kugeza mu Ugushyingo 2019**
***ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije***

| | 2018 | | 2019 | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | **11** | **12** | **01** | **02** | **03** | **04** | **05** | **06** | **07** | **08** | **09** | **10** | **11** |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi | 0,1 | 1,1 | 1,0 | 0,8 | 1,1 | 0,2 | 0,0 | 0,9 | 1,9 | 2,3 | 3,1 | 4,4 | 6,9 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro | -1,8 | -0,6 | -0,4 | -1,3 | 0,4 | -0,7 | -0,7 | 0,9 | 1,3 | 3,2 | 5,8 | 9,2 | 15,5 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda | -1,0 | 0,1 | 0,2 | -0,4 | 0,7 | -0,3 | -0,4 | 0,9 | 1,6 | 2,8 | 4,6 | 7,2 | 11,8 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi | -0,5 | -0,2 | 0,0 | 0,3 | 1,1 | 0,3 | 0,9 | 0,0 | 0,0 | 0,9 | 0,9 | 0,6 | 1,9 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro | -0,6 | -1,3 | 0,0 | -0,4 | 3,1 | 1,2 | 0,8 | -0,1 | -0,2 | 2,5 | 2,2 | 1,9 | 5,2 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda | -0,5 | -0,8 | 0,0 | -0,1 | 2,2 | 0,9 | 0,8 | -0,1 | -0,1 | 1,8 | 1,6 | 1,4 | 3,8 |

*Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda*

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)
Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,
Tel:+250 -788383103  Hot line: 4321
Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes
Email: info@statistics.gov.rw